Ese umwe muri mwe yanezezwa n'uko yasubira mu bantu be agasanga ingamiya eshatu nini zihaka zibyibushye?

Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ese umwe muri mwe yanezezwa n'uko yasubira mu bantu be agasanga ingamiya eshatu nini zihaka zibyibushye? Turavuga tuti: Yego, ntawabyanga! Intumwa y'Imana iravuga iti: Umwe muri mwe kuba yasoma Ayat eshatu gusa mu iswalat ari gusali byaba byiza kuri we kuruta izo ngamiya.

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iri kugaragaza ibihembo byo gusoma imirongo itatu muri Qur'an uri gusali ko ari byo byiza kuruta kuba umuntu yasanga iwe ingamiya eshatu zihaka kandi zibyibushye atari yahasize.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/65053